POLISI Y'U RWANDA

IBIRO BISHINZWE ABAKOZI

P.O.BOX 6304 KIGALI

www.police.gov.rw

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWIGA MU ISHURI RIKURU RYA POLISI Y'U RWANDA - MUSANZE

Polisi y'u Rwanda iramenyesha abantu bose bifuza kwiga mu ishuri rikuru rya Polisi rihereye mu Ntara y' Amajyaruguru, Akarere ka Musanze ko abujuje ibisabwa, batangira kwiyandikisha ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru guhera **tariki ya 17 Mutarama kugeza tariki ya 02 Gashyantare 2024.**

Uwiyandikisha agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

a. Kuba ari Umunyarwanda
b. Kuba afite imyaka hagati ya 18 na 22
c. Kuba yaratsinze neza ibizamini bisoza amashuri yisumbuye
d. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu
e. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
f. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya Leta
g. Kuba afite ubuzima buzira umuze
h. Kuba ari ingaragu

Ishuri rikuru rya Polisi rifite amashami atandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe inagaragaza ibyo usaba kuryigamo agomba kuba yarize ndetse n'amanota fatizo agomba kuba yarabonye mu bizamini bisoza amashuri yisumbuye:

SN	ISHAMI	IBYO YIZE MU MASHURI YISUMBUYE	AMANOTA FATIZO
01	Amategeko	Amateka, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (HEG) Amateka, Ubumenyi bw'isi n'Ubuvanganzo (HGL) Ubuvanganzo, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (LEG) Amateka, Ubukungu n'Ubuvanganzo (HEL)	Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze nibura afite amanota 18 muri ayo masomo
02	Ikoranabuhanga	Imibare, Ubugenge na Mudasobwa (MPC) Imibare, Mudasobwa n'Ubukungu (MCE) Imibare, Ubugenge n'ubumenyi bw'isi (MPG)	Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze nibura afite amanota 21 muri ayo masomo
03	Indimi	Icyongereza, Ikinyarwanda n'Igiswahili (EKK) Igifaransa, Icyongereza n'Ikinyarwanda (FEK) Icyongereza, Igifaransa n'Igiswahili (EFK) Ubuvanganzo, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (LEG) Amateka, Ubumenyi bw'isi n'Ubuvanganzo (HGL) Ubuvanganzo, Ubukungu n'Amateka (HEL)	Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze nibura afite amanota 18 muri ayo masomo
04	Amasomo y'igipolisi cy'umwuga	Ubugenge, Ubutabire n'Ibinyabuzima (PCB) Ibinyabuzima, Ubutabire n'Ubumenyi bw'isi (BCG) Imibare, Ubutabire n'Ibinyabuzima (MCB) Imibare, Ubugenge n'Ubumenyi bw'isi (MPG) Ubugenge, Ubutabire n'Imabare (PCM) Amateka, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (HEG) Amateka, Ubumenyi bw'isi n'Ubuvanganzo (HGL) Ubuvanganzo, Ubukungu n'Amateka (HEL) Ubuvanganzo, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (LEG) Imibare, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (MEG)	Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze nibura afite amanota 18 muri ayo masomo

Ku bujuje ibisabwa, kwiyandikisha bikorwa mu minsi y'akazi kuva saa mbiri za mu gitondo (**08h00**) kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (**17h00**) ku matariki yavuzwe haruguru.

Abiyandikisha basabwa kuza bitwaje ibi bikurikira:

1. Fotokopi y'indangamuntu

2. Fotokopi y'urupapuro rugaragaza amanota yabonye mu bizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye (Result slip)

3. Ifishi iboneka ku rubuga rwa Polisi (www.police.gov.rw) yujujwe neza, iriho ifoto (Passport photo) ya nyirayo igaragara neza

Ku bindi bisobanuro wahamagara kuri telefoni: **0788311785, 0788311526 cyangwa 0781860024.**

Bikorewe i Kigali ku wa 16/01/ 2024

Jacques BURORA

ACP

Komiseri ushinzwe abakozi